Diploma Programme
Programme du diplôme
Programa del Diploma

# Kinyarwanda A: literature – Standard level – Paper 1
# Rwanda A : littérature – Niveau moyen – Épreuve 1
# Kinyarwanda A: literatura – Nivel medio – Prueba 1

Friday 8 May 2015 (afternoon)
Vendredi 8 mai 2015 (après-midi)
Viernes 8 de mayo de 2015 (tarde)

1 hour 30 minutes / 1 heure 30 minutes / 1 hora 30 minutos

---

**Instructions to candidates**

- Do not open this examination paper until instructed to do so.
- Write a guided literary analysis on one passage only. In your answer you must address both of the guiding questions provided.
- The maximum mark for this examination paper is **[20 marks]**.

**Instructions destinées aux candidats**

- N'ouvrez pas cette épreuve avant d'y être autorisé(e).
- Rédigez une analyse littéraire dirigée d'un seul des passages. Les deux questions d'orientation fournies doivent être traitées dans votre réponse.
- Le nombre maximum de points pour cette épreuve d'examen est de **[20 points]**.

**Instrucciones para los alumnos**

- No abra esta prueba hasta que se lo autoricen.
- Escriba un análisis literario guiado sobre un solo pasaje. Debe abordar las dos preguntas de orientación en su respuesta.
- La puntuación máxima para esta prueba de examen es **[20 puntos]**.



2215 – 0571
© International Baccalaureate Organization 2015

International Baccalaureate
Baccalauréat International
Bachillerato Internacional

Andika kuri **umwe** gusa mu myandiko wahawe. Mu gisubizo cyawe ugomba kugira icyo uvuga ku bibazo bikuyobora wahawe.

**1.**

**Nyabiyuzi yampogoje**

Nyabiyuzi nkunda
Musozi wanjye
Cyanya gitakwa
Utera umunezero
Hirwa iteka.
Gahorane ishya
Wahogoje benshi
Musozi ukeye
Ni iyo inyikirizo
Hirwa iteka.
Twese shenge
Nk’abitsamuye
Twese rwose
Turakwishimiye
Hirwa iteka.
Murage mwiza
Abasokuru bacu
Baduhaye twese
Gasozi nkundwa
Hirwa iteka.
Dore abagore
Beza mukundwa
Dore abagabo
Beza mukundwa
Hirwa iteka.
Koko Uwaguhanze
Yaguhunze byose
Ibibaya, imigende
Igihu cya Nyantango
Hirwa iteka.
Abakire bawe
Sebagina ku isonga
Inka, imfizi nyinshi
Infura y’i Rwanda
Nakabonye bambe
Hirwa iteka.
Isogi, ibihaza
Byawe rwose
Imvugo nkomoko
Nyabiyuzi weee
Hirwa iteka.

N.Ikuzo L. A, *Imivugo y’iwacu* (2011)

(a) Ni iki kizeza umusizi ko azemeranywa n'umusomyi we ku gaciro k'uturango dusingiza umusozi wa Nyabiyuzi?

(b) Ni utuhe turango tw'iminozanganzo two muri uyu mwandiko dukoreshwa nk'ingamba z'umusizi zo gusingiza uyu musozi?

**2.**

**Igitekerezo cya Ndabaga**

Umugabo yabaye aho, bukeye abyara umukobwa amwita Ndabaga. Yamaze kumubyara, asiga ari uruhinja aratabara. Arahaba, nuko yabona uturutse iwabo, akamubaza uko umwana we angana. Bakamubwira ngo amaze kuba mukuru. Abandi batabaranye na we bagakurwa bagataha, we akabura umukura, kuko yari yaravutse ari umwana umwe, na we akaba yaratabaye atarabyara umutabazi.

Ndabaga akura atazi se, amaze kumenya ubwenge, yiga gusimbuka no kurasa. Aho kwitoza imirimo y'abakobwa, akihata imirimo y'abahungu gusa, abandi bakabiseka batazi icyo abigirira.

Ndabaga yashakaga uko yazajya gucungura se mu itabaro kuko yari ahamaze imyaka itabarika. Ndabaga yaragiraga inka akazishora, akazicira icyarire, akazisasira, akazikenura ku bulyo bwose.

Ndabaga amaze kuba inkumi, ajya mu bacuzi, abasaba kumuca amabere, ati "kandi nzabahemba". Amabere bayamukirizaho, bamwomoza imigera icanye. Amaze gukira abwira nyina ati "ngiye gucungura data, dore iki gihe cyose amaze ibwami!"

Ndabaga araboneza ajya gutabara. Ageze mu rugerero, aboneza asanga se, nta we abajije, aramwibwira. Nuko bajya ahiherereye. Ndabaga abwira se ko yize imirimo y'abahungu ku buryo nta muhungu umurusha gusimbuka cyangwa ngo amurushe kwivuga cyangwa kurasa. Ati "ejo uzazinduke utaha nzagusigarira ibwami." Buracya se arataha.

Ndabaga aba aho, aba intwari, ibyo yakoraga byose yabikoranaga umutima w'isuku no kugira imbaraga zitangaje; ibyo byose bigera ibwami, umwami aramushima.

Biratinda baza kumenya ko Ndabaga ari umukobwa. Babibwira umwami, biramutangaza cyane, ati "nta mukobwa ugira ubutwari nka we!"

Nuko umwami ahamagaza ingabo zari mu itabaro ati "nimutahe ibintu byageze iwa Ndabaga! Mbega n'iyo byageze u Rwanda rusigaye ruhuruza n'abagore!"

Umwami abaza Ndabaga inka yanyaze! Ndabaga ati "ni nyinshi". Umwami azimugororera zose kandi ati "ugende ubwire so ko yabyaye!"

Ni aha imvugo yavuye ngo "ibintu byageze iwa Ndabaga!"

R M Mukarutabana, *Gakondo: Ibitekerezo* (2011)

(a) Gira icyo uvuga ku buryo umuhanzi amurika ubutwari bwa Ndabaga.

(b) Iga uburyo umwanditsi w'iki gitekerezo yubaka interamatsiko muri uyu murimo.